## INGOMA YA UBUBILIGI

### INTEBE Y'UBUGANZI BWA ZA KOLONI

**BAUDOUIN**, UMWAMI WA ABABILIGI,

Mwese, abaliho na abazaza

NDABARAMUTSA.

Tumaze kumenya igitekerezo cyemejwe na Inama nkuru ya Koloni mu iteraniro ryayo ryo ku munsi wa 9 gicurasi 1952;

Dushingiye ku nama ya Intebe mu butegetsi bwa Koloni;

TWATEGETSE KANDI DUTEGETSE:

### Ingingo ya 1.

Ukulikije uko ili tegeko rimeze, mugomba kumva ko:

1º/ abaturage:
n'abaturage kavukire ba Rwanda-Urundi na abo mu mahanga ahakikije;

2º/ ibyaro bya abaturage:
a) ibihugu (Urwanda na Uburundi);
b) intara
c) imisozi;

3º/ abategetsi kavukire ali:
a) abami (mu bumwe Umwami) bimitswe;
b) abatware b'intara bagabiwe;
c) abatware b'imisozi bagabiwe;

Ruhengeri
57

## IGICE CYA I.

### UBUTEGETSI BWA ISHINGIRO.

### Ingingo ya 2.

Urwanda na Uburundi n'ibihugu kimwe kimwe Umwami wacyo ikindi uwacyo.

### Ingingo ya 3.

Ibihugu bigabanijwe mo intara imwe ikajya itegekwa n'Umutware w'intara.

### Ingingo ya 4.

Intara zigabanijwe mi imisozi, umusozi wose ugategekwa na Umutware wa umusozi.

### Ingingo ya 5.

Amabeleji afite amategeko acishije ukwayo.

### Ingingo ya 6.

Umwami iyo amaze guhuza imigabo n'inama nkuru y'igihugu niwe wemeza ingabano z'intara na iza imisozi.

### Ingingo ya 7.

Ibihugu na intara byemererwa kamere yo kwitungira ibintu byabyo bwite. Mbulamatare ashobora guha imisozi iyo kamere yo kwitungira ikintu bwite.

Ibihugu bibonerwa n'Abami, intara zikabonerwa na abatware ba intara, imisozi yahawe kamere yo kwitungira ibintu bwite ikabonerwa na abatware bayo.

Igihe igihugu kiraye nze cyanga se umwe mu bategetsi b'ibyaro bindi adahari, ibyaro bya abaturage bizabonerwa kuli ubu buryo: igihugu ni Rezida, ibindi byaro ni Administrateur wa Territoire ubitegeka.

## IGICE CYA II.

### IBYA IBARWA RYA ABANTU NA IBYA IYIMUKA.

### Ingingo ya 8.

Mbulamatare niwe utegeka mu byaro, igihe na uburyo bwo kubara abantu agasobanura na igihe cyo kuvuga abavuka na abapfa na uburyo bazandikwa. Ashobora no gutegeka imyimukire ya abaturage bo muli Rwanda-Urundi.

## IGICE CYA III.

## IBYA ABATURAGE.

### Ingingo ya 9.

Abavugwa ko ali abaturage ba ibyaro ni abahafite urugo babamo kurusha ahandi.

Mbulamatare niwe werekana inzira iyobora abategetsi uko bazajya bamenya urugo rubabwamo kurusha izindi.

### Ingingo ya 10.

Umwami ashobora guca iteka lisobanuye, bitewe na akamaro bifitiye rubanda kandi ahuje imigabo n'inama nkuru ya igihugu, likabuza abaturage gutura hamwe na hamwe mu byaro avuze.

### Ingingo ya 11.

Ilyo teka lizatangazwa bakurikije ingongo ya 34 na 44 za ili tegeko. Limanikwa kandi mu biro bya Territoire.

Litangira gukurikizwa igihe lyashyizeho gishize - icyo gihe ntigishobora kuba hasi y'iminsi cumi na itanu kuva umunsi limanikiweho ku rurembo rw'intara.

### Ingingo ya 12.

Urwandukuro rumwe rwa ilyo teka rwoherereza Mbulamatare. Ruba ruli hamwe na igishushanyo cya intara cyerekana ahabujijwe na ingabano zaho.

### Ingingo ya 13.

Umuturage wese urenze icyabujijwe ku ngingo ya 10 acibwa igihano kitarenze igifungo cya iminsi ilindwi n'amafranga magana abili ya igihano cyanga kimwe gusa muli ibyo bihano.

Kuwongeye kurenga ilyo tegeko, ibyo bihano bishobora kungurwa byombi, kimwe kikaba ukwezi ikindi amafranga igihumbi cyanga kimwe gusa muli ibyo bihano.

Urubanza rushobora kandi gutegeka gusenya ibyo uwo yubatse ahabujijwe ho mu ntara.

## IGICE CYA IV.

## IBYA ABATEGETSI KAVUKIRE NA INAMA.

### Ingingo ya 14.

Ibyaro bya abaturage bitegekwa ku buryo bukulikije imigenzo y'igihugu kandi bitanyuranyije nibivuzwe muli ili tegeko, kandi iyo migenzo itanyuranije n'imigenzereze itunganya igihugu, cyanga idaciye ku mategeko cyanga amabwiriza yasimbuye imigenzereze yahozeho mu mico ya abaturage.

Mubyo bahuriyemo n'abategetsi ba leta, ibihugu, intara, n'imisozi bibonerwa uko bikurikiranye na Abami, abatware b'intara na abatware ba imisozi.

### Ingingo ya 15.

Uwimikwa ho Umwami ni ubigenewe bakurikije imigenzo ya igihugu. Nyamara ntashobora gutegeka bitamaze kwemerwa na Mbulamatare. Ntashobora kwemerwa keretse amaze gusezeranira mu ruhame imbere ya Mbulamatare ko azarangiza neza imirimo ye no kubaha amategeko agenga Rwanda-Urundi.

Iyimikwa ryemerezwa mu rwandiko, rumwe rugahabwa Umwami rukaba ikimenyetso cya ubukuru bwe.

### Ingingo ya 16.

Iyo Umwami atagejeje ku myaka cumi n'umunani avutse, ubugabe bwe, nkuko bisanzwe mu migenzo y'igihugu [illegible] na inama ya abasigire.

Iyo igihugu kiraye nze, bitewe na impamvu izo ali zo zose, ububasha bw'ubutegetsi Umwami ahabwa na ili tegeko bukoreshwa na inama ya abasigire ba igihugu, kugeza igihe undi Mwami azimikirwa.

Inama ya abasigire ba igihugu ntishobora gukora imirimo yayo Mbulamatare atabyemeye.

Mbulamatare, uwo yasanga wese mu inama ya abasigire adakwiye cyanga ananiwe gutunganya imilimo ye yamukuraho.

Iyo Umwami ahinyutse cyanga adashoboye gukora imirimo ye, Mburamatare amukura ku ngoma akemeza kandi akimika uwo umugenzo wa igihugu wemeza ko aliwe ukwiye, gutegeka igihugu mu mwanya wa uvuyeho.

Ingingo ya 17.

Abatware na intara na abatware ba imisozi bagabirwa n'Umwami nkuko bisanzwe mu muco w'igihugu. Nyamara, ntibashobora gutegeka bitemejwe na Mbulamatare cyanga intumwa ye iyo byerekeye abatware ba intara, byemewe na Rezida cyanga intumwa ye iyo byerekeye abatware ba imisozi,

Nta na umwe ushobora kugabana ubutware bwa intara cyanga bwa umusozi, atabanje gusezerana mu ruhame imbere ya Rezida n'Umwami niba ali umutware w'intara, imbere ya Rezida cyanga intumwa ye, ali kumwe na umutware w'intara niba ali umutware w'umusozi, yuko azatunganya imirimo ye kandi akubaha amategeko agenga Rwanda-Urundi.

Igabana lyemerezwa mu rwandiko rumwe rugahabwa ugabanye,rukamubera ikimenyetso cy'ubutegetsi bwe.

Ingingo ya 18.

Iyo birenze amezi atatu, intara cyanga se umusozi bidafite umutware kandi Umwami atarabigabira undi cyanga uwo agabiye atemerewe, hagashira amezi atatu kuva igihe bamenyeshereje Umwami ko uwo yagabiye atemewe, Mbulamatare ashobora kuhagaba iyo ali ubutegetsi bwa intara, bwaba ubw'umusozi, Rezida akaba yabugaba.

Igihe igihugu kiraye nze cyanga nta mutegetsi uriho mu bindi byaro, bitewe n'impamvu iyo aliyo yose, ubutegetsi bw'abatware b'intara n'ubwa aba imisozi bahawe n'ili tegeko, buherera kuli Administrateur wa Territoire cyanga ku ntumwa ye, aliko kandi igihe cyose bishobotse agafatanya n'umwe mu bategeka kavukire ushimwa,kuzageza umunsi uzahagabana yemerewe.

Ingingo ya 19.

Mbulamatare niwe utoranya ikimenyetso kigaragaza ubukuru bwa abategetsi kavukire uko basumbana.

Ingingo ya 20.

Imirimo imico y'igihugu yageneraga Abami, abatware b'intara n'aba imisozi, amakoro, ibihunikwa cyanga uburetwa,byacungujwe amafranga bahabwa.

Umubare wayo mafranga wemezwa n'Umwami,uko umwaka utashye, ahuje imigabo n'inama nkuru y'igihugu.

Abagabo bakomeye bonyine nibo bakoreshwa kuyatanga.

Ingingo ya 21.

Mbulamatare ashobora gutanga amafranga mu ngengo ya Rwanda-Urundi - akayaha abami abarihirira imilambagirire yabo,no kwakira ababashengereye na ababagendereye.

Abatware b'intara n'aba imisozi bahabwa umushahara nawo uvuye muli iyo ngengo,uko umwaka utashye,Mbulamatare akemeza uko uzangana.

Abemerewe kuba mu nama ya abasigire n'umutegetsi kavukire watorewe gufasha mubya ubutegetsi bw'intara cyanga umusozi nkuko bivuga ku ngingo ya 18, bahêmbwa byemejwe na Mbulamatare. Mbulamatare niwe wemeza umubare w'icyo gihembo.

Ingingo ya 22.

Umutware wese w'intara cyanga w'umusozi ukoresha nabi ububasha ahabwa n'umuco w'igihugu cyanga n'andi mategeko, cyanga ugandira imirimo ye uko ivugwa muli ili tegeko, ahanishwa ibi bihano:

1º kugabanirizwa imishahara yateganijwe mu ngingo ya 20 aliko ku buryo bwose ntirenze:
   a)amafranga igihumbi ku batware b'intara;
   b)amafranga magana abili na mirongo itanu ku batware b'imisozi;
   Ayo mafranga bahanishijwe ashyirwa mw'isanduku y'intara yabo.
   Icyo gihano gicibwa n'Umwami iyo byerekeye abatware b'intara n'aba imisozi; n'abatware b'intara, iyo byerekeye abatware b'imisozi.
   Abatware b'intara n'aba imisozi bashobora kujulirira Rezida.

2º kumwima umushahara wateganijwe ku ngingo ya 21 utarenze uwo abona mu mezi atatu mu mwaka.
   Icyo gihano gicibwa na Rezida iyo byerekeye abatware b'intara n'abatware b'imisozi, kigacibwa na Administrateur wa Territoire iyo byerekeye abatware b'imisozi.
   Abatware b'imisozi bashobora kujulirira Rezida.

3º guhindurwa, bitegetswe na Rezida iyo byerekeye umutware w'umusozi aliko abivuganye n'Umwami, byerekera umutware w'intara bigategekwa na Mbulamatare aliko abisabwe na Rezida.

Ingingo ya 23.

Iyo umutware w'intara cyanga uw'umusozi abaye ikigoryi cyanga ayobewe gutwara, Mbulamatare abisabwe na Rezida, anyaga umutware w'intara, Rezida, akanyaga umutware w'umusozi aliko babanje kubivugana n'Umwami.

Ingingo ya 24.

Abatware b'intara n'aba imisozi bashinzwe gukoresha ibyategetswe mu ngingo ya 43, 44 n'iya 50.

Muli uwo mulimo wabo bategekwa, bayoborwa, kandi barebarwa na Administrateur wa Territoire y'aho batwara, kandi bakarebwa n'Umwami.

Bahuje inama n'Administrateur wa Territoire, bashobora gushyiraho ababakoreshereza iyo mirimo.

Ingingo ya 25.

Ubuyobozi bwa Rezida cyanga intumwa ye agira k'Umwami, ubuyobozi bwa Administrateur cyanga intumwa ye agira ku batware b'intara n'aba imisozi, bicisha mu nzira yo kubagira inama no kubahakanira baruzi ko ibyo bashaka bidakwiye.

Ingingo ya 26.

Mu mitegekere yindi itali iyabwirijwe n'amategeko yanditse, ubutegetsi bw'Abami, bw'abatware b'intara, n'ubwa abatware b'imisozi bukurikiza imigenzo y'igihugu na none bitanyuranije n'imigenzereze itunganya igihugu n'amategeko yatangiwe gusimbura imigenzo yahozeho mu mico ya rubanda.

Umutware w'intara, ahuje imigabo n'inama nkuru y'igihugu ashyiraho itegeko ryo gutora imitwe ngombwa mubyo gutunganya ubutegetsi bw'intara.

Abanyamilimo babamo igice cy'abateye contara n'ikindi cy'abainjijwe.

Amasezerano y'abo bo hanyuma ashyirwaho na Mbulamatare.

Ingingo ya 27.

Inama zikulikiye zishyizweho:

1º/ inama y'umusozi, ku musozi wose;
2º/ inama y'intara, mu ntara yose;
3º/ inama ya Territoire mu li Territoire yose;
4º/ inama nkuru mu gihugu ukwayo.

Mu nama nkuru y'igihugu hazabaho ubuganzi buhoraho. Inama y'intara yose n'inama nkuru y'igihugu igira umukarani. Atorwa n'iyo nama mubatayirimo.

Uko inama igiyemo aba ahali kandi nawe agashyiraho umukono ku mateka n'ibyemejwe bitanzwe. Umushahara we uva mu ngengo y'amafranga y'intara cyanga y'igihugu.

Ingingo ya 28.

Inama zivuzwe mu ngingo ya 27 ziremwe kuli ubu buryo:

1º/ inama y'umusozi.
Iyi nama iyoborwa n'umutware w'umusozi.
Igibwamo:
a) n'umutware w'umusozi;
b) abajya-nama batali hasi ya batanu kandi batarenze icyenda, n'ukuvuga ko mu baturage magana atanu hatorwa umujya-nama umwe.

Abo bajya-nama batorwa mu mutwe w'abantu babitoranirijwe. Uwo mutwe utorwamo abanyacyubahiro umutware w'umusozi yanditse ku rupapuro akurikije uko ingabo ze zibyifuza.

Umubare w'abanyacyubahiro banditse kuli urwo rupapuro urutaho inshuro ebyiri nibura uwa abajya-nama.

Bagomba gushimwa n'umutware w'intara kandi bakemerwa n'Administrateur wa Territoire. Iyo amazina yanditse kuli urwo rupapuro rumanikwa ku rurembo rw'intara kandi yamara kuhatangarizwa akamanikwa ku rurembo rw'umusozi.

2º/ Inama y'intara.
Iyo nama iyoborwa n'umutware w'intara.

Hamwe n'umutware w'intara irimo abajya-nama batali hasi ya cumi kandi batarenga cumi n'umunani, batowe batya:

a) abatware b'imisozi kuva kuli 5 kugeza ku cyenda,batowe na bagenzi babo.

b) umubare w'abanyacyubahiro unganan n'uwa abatware b'imisozi batowe.

Abo banyacyubahiro batorwa kuli ubu buryo:

-Inama yose y'intara yitoramo abanyacyubahiro batatu

-abo banyacyubahiro bateranye baba umutwe witoramo abazajya mu nama y'intara.

3º/inama ya Territoire.

Iyo nama ibamo abatware b'intara b'iyo Territoire,n'abatware b'imisozi batowe na bagenzi babo, bangana n'umubare w'abatware b'intara, n'abanyacyubahiro bangana n'abatware b'intara n'abimisozi bateranye. Abo banyacyubahiro batorwa kuli ubu buryo:

-Inama yose y'intara yitoramo abanyacyubahiro batatu

-abo banyacyubahiro bateranye baba umutwe witoramo abazajya mu nama ya Territoire.

Iyo nama yitorera umuyobozi wayo n'igisonga cye mu Batware b'intara. Ububasha bwabo ni ubwa umwaka umwe. Bashobora kongera gutorwa.

4º/Inama nkuru y'igihugu.

Iyi nama iyoborwa n'Umwami.

Hamwe n'Umwami irimo:

a)Abayobozi b'inama za Territoire zo mu Gihugu.

b)Abatware b'intara batandatu batowe na bagenzi babo.

c)Umuvugizi umwe uvuye mu nama ya Territoire atowe n'abanyacyubahiro bayirimo.

d)Abantu bane batorewe ubumenyi bwabo kubyerekeye imitegekanire n'imibanire y'abantu,ubumenyi bw'iby'ubukungu,amajyambere y'ubwenge n'ubumenyi bw'ibyo mu gihugu.

e)Abaturage bane bafite urupapuro rw'ishimwe ly'uko bakoreye igihugu neza,cyanga bashyizwe mu bareneje amajyambere,tutabariyemo abatware b'intara n'abimisozi baba bafite izo nzandiko.

Mbulamatare ategeka uburyo bandika urupapuro rw'amazina y'abanyacyubahiro bo ku musozi, uko babahitamo, uko batorwa n'uko abajyanama ubwabo bitorera abandi nk'uko bivugwa kuli iyi ngingo. Ategeka kandi n'igihe iyo mihanga izarangirira.

Ingingo ya 29.

Bene igihugu bonyine nibo bashobora kuvamo abajya mu nama zavuzwe ku ngingo tuvuyeho.

Ubuvugizi bwabo bumara imyaka itatu - Bashobora kongera gutorwa.

Ababuzweho impamvu yatumye batorwa kuba abajyanama,n'imwe muli zo bayikurwamo.

Iyo umwe mu bajya-nama apfuye cyanga asezeye,bazubiza undi mu mwanya we ku buryo uwo asimbuye yatowe. Umujya-nama uhasubiye arangiza igihe cy'ubuvugizi uwo asimbuye yali ashigaje.

Ingingo ya 30.

Ubuganzi bw'inama nkuru y'igihugu bubamo abaganzi batanu, batatu muli bo bagatorwa n'inama bandi babili bagatorwa n'Umwami.

Ingingo ya 31.

Ububasha bw'inama buneze butya:

a) inama y'umusozi.

Inama y'umusozi ivuga icyo itekereza ku byerekeye umusozi byose biturutse ku bategetsi ba Leta, k'umuyobozi wayo, cyanga abajyanama nibura batatu bayirimo.

b) inama y'intara.

Inama y'intara ivuga icyo itekereza kubyerekeye intara byose biturutse ku bategetsi ba Leta, umuyobozi wayo, cyanga ku bajyanama nibura batatu bayirimo, ibazwa imigabo ifite ku mategeko umutware w'intara ashaka gutanga.

c) inama ya Territoire.

Inama ya Territoire ivuga icyo itekereza cyose ku byerekeye Territoire,biturutse ku bagetsi ba Leta, ku nama nkuru y'igihugu

cyanga ku bajya-nama nibura batatu bagirimo.

Ibazwa imigabo ifite kubyerekeye iyo Territoire byose.

d)Inama nkuru y'igihugu.

Ivuga imigabo ifite ku byerekeye igihugu biturutse ku bategetsi ba Leta, ku nama nkuru y'igihugu cyanga ku bajya-nama byibura batatu bayirimo.

Ibazwa imigabo ifite kubyerekeye amateka Umwami ashaka gutanga.

Ingingo ya 32.

Nta nama irema itajwe mo nibura n'ibice bibili bya gatatu bya abajya-nama bayitorewe.

Ibyemejwe bikurikizwa iyo ababihuje alibo benshi. Iyo abemeye n'abahakana bangana,umuyobozi w'inama abimenyesha abategetsi ba Leta.

Inama zyose iba ihamagawe n'Umuyobozi wayo. Niwe utunganya ibizavugirwa mu nama, n'uko bizakulikirana.

Mbulamatare niwe utegeka kangahe nibura inama zose zizarema mu mwaka.

Ingingo ya 33.

Uretse mu nama y'umusozi, ibivuzwe mu nama zindi birandikwa.

Imihango inama zikulikiza ishyirwaho na Mbulamatare.

Ingingo ya 34.

Amateka Umwami atanga abikuye ku bubasha ahabwa n'umuco w'igihugu kugirango ayobore amajyambere y'uwo muco ayahuze n'imimerere iliho muli icyo gihe,ntakurikizwa inama nkuru y'igihugu itabyemeye.

Iyo ahuje imigabo n'inama nkuru y'igihugu,Umwami ashobora gutanga amabwiriza yo gukomeza amahoro mu gihugu n'ay'ubutegetsi abaturage bose bategetswe gukurikiza iyo ayo mateka atanyuranije n'ibyo abategeka bakuru bemeje.

Ayo mabwiriza n'ayo mategeko byitwa "Amateka".

Amateka agomba kumenyeshwa Rezida mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu.

Iyo bahuje imigabo n'inama y'intara,abatware b'intara bashobora gutanga amabwiriza yo gukomeza amahoro y'intara abaturage bose bategetswe gukurikiza iyo ayo mategeko atanyuranije n'ayo abategetsi bisumbuye bemeje.

Ayo mabwiriza yitwa "Ibyemejwe".

"Ibyemejwe" bigomba kumenyeshwa Administrateur wa Territoire mu gihe kitarenze iminsi cumu n'itanu.

Rezida kubyerekeye amateka y'Umwami n'ibyemejwe by'abatware b'intara, na Administrateur wa Territoire kubyerekeye ibyemejwe n'abatware b'intara,bafite ububasha bwo kubihakana. Ubwo bubasha bashobora kubukoresha mu minsi itarenze mirongo itatu kuva igihe babimenyesherejwe.

Bitangazwa iyo umutegeka wa Leta amaze kumenyesha ko atabihakanye cyanga se nyuma y'igihe cy'iminsi mirongo itatu yavuzwe ku kibezi gishize.

Ilyo tangazo, mu Rwanda lyandikwa mu runyarwanda i Burundi likandikwa mu rurundi, likamanikwa ku rurembo rw'intara iyo ali ibyemejwe cyanga mu nteko y'igihugu iyo ali Iteka.

Iyo itariki bizatangilirahe gukurikizwa itanzwe kubundi buryo, amateka n'ibyemejwe bikurikizwa hashize iminsi cumi babitangaje.

Byongeye kandi inzandiko zirimo amateka bazimanika ku rurembo rw'iyo cyanga rw'izo ntara byagenewe kandi bikandikwa mw'igazeti y'amateka mu runyarwanda kubyerekeye Urwanda, no mu rurundi ali ibyerekeye Uburundi.

Ingingo ya 35.

Guca mu mateka guhanishwa gufungwa bitarenze ukwezi n'igihano cy'amafranga atarenze igihumbi cyanga kimwe gusa muli ibyo bihano.

Guca ku byemejwe bihanishwa gufungwa bitarenze iminsi cumi n'itanu n'igihano cy'amafranga atarenze magana atanu cyanga kimwe gusa muli ibyo bihano.

Ingingo ya 36.

Inama y'ubuganzi buhoraho yohererezwa inzandiko z'ibyavuzwe mu nama z'intara n'inama za Territoire nayo ikamenyesha inama nkuru y'igihugu ibyo yifuza ko byavugwa.

Itunganiriza Umwami ibyandikwa mu mateka n'imiganirize y'ingengo z'amafranga y'umwaka.

Ifasha Umwami kugenzura no kubahiriza amateka yemejwe n'inama nkuru y'igihugu kandi ikulikiza uko yabibwirijwe n'Umwami cyanga n'inama nkuru y'igihugu.

Ahuje imigabo n'inama nkuru y'igihugu Umwami ashobora guhemberera iminsi y'abaje mu nama y'ubuganzi ayavanye mu ngengo y'igihugu,akaririra n'amafranga yose cyanga igice cyayo batanze ku ngendo zabo.

Ingingo ya 37.

Ibihugu n'intara bikorerwa n'intumwa n'abapolisi.

Umwami ahuje imigabo n'inama nkuru y'igihugu niwe uvuga umubare wabo.

Abakorera igihugu bashyirwaho n'Umwami kandi bakemerwa na Rezida, abakorera intara bashyirwaho n'abatware b'intara kandi bakemerwa n'Administrateur wa Territoire.

Abapolisi bategetswe kubahiriza amateka y'Umwami n'amategeko y'abatware b'intara, n'aya abatware b'imisozi n'indi milimo abo bategetsi bahawe kugirango bayikoreshe.

Mu gihe bakora imirimo yabo,bagomba kwambara ibimenyetso byategetswe n'Umwami.

Urugero rw'igihembo cyabo rutegekwa n'Umwami ahuje imigabo n'inama nkuru y'igihugu.

Ingingo ya 38.

Intumwa yose cyanga umupolisi wese, bateye contara iyo bishe imirimo yabo cyanga bahimishije abantu ububasha bahawe bahanishwa ibi bihano byo kumvisha:

a)gufungirwa mu nzu y'aho abapolisi barindirwa mu minsi itarenze cumi n'itanu;

b)kumwima igihembo iminsi itarenze mirongo itatu n'ukuvuga igihembo cyose uretse iposho n'indishyi yabonaga;

c)gukurwa ku mulimo.

Ibihano bivugwa ku bika a) na b) bishobora gutangirwa limwe.

Ingingo ya 39.

Intumwa yose cyanga umupolisi wese bafite amasezerano y'ubwinjizwe iyo bishe imirimo yabo cyanga bahimanishije ububasha bahawe, bahanishwa ibi bihano byo kumvisha:

a) kumwima amafranga y'ingororano yose yabonaga cyanga igice cyayo;

b) umugayo;

c) gufungirwa mu nzu y'aho abapolisi barindirwa bitarenze iminsi cumi n'itanu;

d) kugabanya umushahara w'iminsi itarenze mirongo itatu,uretse indishyi babonaga;

e)gusubizwa inyuma;

f)gucuzwa impeta;

g)gukurwa ku mulimo.

Ibihano bivugwa ku bika a) na b)bishobora gutangirwa limwe.

Ingongo ya 40.

Uretse intumwa n'abapolisi,abandi baturage bateye contara yo gukorera ubutegetsi bw'igihugu cyanga intara bahanishwa ibi bihano byo kumvisha:

a) kumwima igihembo iminsi itarenze mirongo itatu; n'kuvuga igihembo cyose uretse iposho n'indishyi yabonaga;

b) gukurwa ku mulimo.

Uretse intumwa n'abapolisi, kandi hatavuyeho ibihano byumvisha bihana abaturage bakolera icyaro, ibyerekeye contara y'umulimo byerekeye no ku mukozi wese wateye contara yo gukorera icyaro.

Ingingo ya 41.

Uretse intumwa n'abapolisi,abaturage binjirijwe gukorera ubutegetsi bw'igihugu cyanga bw'intara bahanishwa:
a) gutota
b) kugawa;
c) kumwima igice kimwe cya kabiri cy'igihembo ahabwa mu minsi itarenga cumi n'itanu;
d) kumubuza gukora umulimo we mu gihe kitarenze ukwezi;
e) kumubuza gukora aliko bamugabanirije igihembo cyanga ntahembwe rwose mu gihe batavuze uko kireshya;
f) kumuvana ku mulimo.

Ingingo ya 42.

Abakozi bavuga ku ngingo ya 38 kugeza kuya 41, bategekwa na abategetsi kavukire bo mu cyaro bakorera.
Ibihano byo kumvisha byateganijwe kuli izo ngingo bitangwa n'Umwami ku bakozi bose, n'umutwale w'intara cyanga Administrateur wa Territoire cyanga intumwa ye ku bantu bakora aho bategeka.

IGICE CYA V.

IMIRIMO YA ABAMI, ABATWALE BA INTARA NA ABATWARE B'IMISOZI, N'IBIGOMBA GUKORWA N'IBIHUGU N'INTARA.-

Ingingo ya 43.

Abami, abatware b'intara n'abatware b'imisozi bategetswe gufasha no kurengera ingabo zabo.

Ingingo ya 44.

Uretse imirimo ituruka ku mateka cyanga amabwirize aberekeyeho bahabwa n'abakuru bandi, abatware b'intara cyanga abatware b'imisozi, umuntu wese akulikije uko yabihawe n'abakuru bamutegeka, ategetswe:
a) kubwira abaturage bo mu cyaro cye bateranye amabwiriza, ibyemejwe, amategeko, amateka, n'amatangazo y'abategetsi babigenewe,no kumenyesha abategetsi ba leta ibyo ingabo zabo zifuza.
b) gufatanya gukora ibyerekeye iyandikwa lya abantu no gutanga impushya zo kwimuka, cyane cyane gusubiza ibibajijwe kuli ibyo na abategetsi ba leta.
c) gufatanya gusoresha abaturage bakulikije amategeko yabyo.
d) gufatanya bakulikije amategeko yabyo, gukumba ibyo Leta yigombye mu gihe gisanzwe cyanga mu gihe cy'intambara;
e) kumenyesha abategetsi ba Leta ibyadutse mu cyaro bikomeye; ibyerekeye kwimura ingari, n'abahandi batuye mu cyaro badafite uruhusa; gukeka ko imyaka izarumba, n'uko ibibatunga bizabura, iyaduka n'itera ly'indwara zikongera, z'icyorezo, indwara z'icyorezo zitera mu myaka cyanga mu matungo, impagarara zaboneka zose zikabuza ituze lya bose zigateranya ibyaro ubwabyo cyanga abaturage bo mu cyaro kimwe;
f) kumenyesha abategetswe guca imanza ibyaha byakorewe mu byaro inkiko z'abaturage zidafitiye ububasha;
g) gufata abaturage bacumuye bikomeye kandi inkiko zabo zidafitiye ububasha no kubajyana bidatinze imbere y'umucamanza w'umuzungu;
h) gufunga bitarenze amasaha 24 abaturage bibuza gutunganirwa,bakabuza n'abandi ituze, kubera imigilire yabo;
i) gufasha inkiko kurangiza uko urubanza rwaciwe iyo babitumweho;
j) guha akato, abaturage babonetsweho ibimenyetso by'indwara zanduza;
k) gufasha kubahiriza amategeko abakuru ba Leta, abaganga b'abantu, abahingisha, n'abaganga d'amatungo bashyiriyeho kurwanya indwara zikongera, s'imize, s'icyorezo mu bantu no mu myaka, n'indwara z'icyorezo mu matungo zikubiye hamwe cyanga zirambuye,cyanga ayashyiriweho gukenura amatungo;
l) kuvana mu yandi amatungo agaragaraho ibimenyetso by'indwara y'icyorezo;
m) gutuma imilimo itegekwa ku ngingo ya 45, 46 na 50 ikorwa kandi bagafasha gukoresha imirimo yindi yose yategekewe akamaro ifitiye rubanda.

Ahuje imigabo n'inama nkuru y'igihugu,Umwami ategeka ingabo ze:

1º/ guhinga no gufata neza ibihingwa bwite umuntu wese yitungisha, kandi ali ibyo kugilira akamaro abaturage ubwabo;

2º/ guhinga no gufata neza ibihingwa bye kubigisha ali ibibatunga ubwabo cyanga bigurwa mu bindi bihugu;

3º/ gufata neza ibisanzwe byarashyiriweho gutanganya ubutaka buhingwa n'aharagirwa, cyane cyane ibyashyiriweho kugazura ibishanga, kuyobora amazi, n'ibyo gufata ubutaka neza, kurwanya indwara zo mu myaka n'ibindi byakwangiza ubutaka, kandi no gutamba inzara cyanga kuyirwanya;

4º/ gukora imilimo rusange igenewe:
a) gutera amashyamba, kuyarinda no kuyafata neza;
b) kuyobora amazi, kugazura ibishanga no gufata neza ubutaka;
c) kwagura ibikingi no kurushaho kubifata neza.-

Ingingo ya 46.

Iyo inzara yenda gutera, abategetsi kavukire bategetswe kwongera ubuhinge buvugwa ku ngingo ya 45,1º/ babyibwiye cyange babibwiwe n'abakuru ba Leta.

Ingingo ya 47.

Mbulamatare niwe ushyiraho amategeko y'ibizakorwa byose byateganijwe ku ngingo ya 45, 2º/ na 4º/, bizatuma nta muntu uhatirwa gukora iyo milimo mu gihe kirenze iminsi mirongo itandatu mu mwaka,keretse mu gihe cyo kurengera ubuzima bwa bose.

Umwami ahuje imigabo n'inama nkuru y'igihugu azajya atangaza uko umwaka utashye imilimo muli iyo y'ibizakorwa byose igenewe kurangizwa mu ntara ukwayo.

Abatware b'intara batoranya imilimo abatware b'imisozi yo mu cyaro cyabo ku bulyo budahimanye, abatware b'imisozi nabo bakayitoranya badahimanye ku muntu wese wo mu cyaro cyabo.

Ingingo ya 48.

Umutware w'intara ahuje imigabo n'inama ye, ashobora gutegeka ko abagabo bakomeye bose bagomba gufatanya imirimo rusange yateganijwe ku ngingo ya 45, 4º/ mu gihe kidashobora kurenga iminsi mirongo inne.

Iyo mirimo ntihembererwa.

Igihe gikwiye yagenze ajya gukora imirimo cyanga ayivaho, kibarirwa muli icyo cy'iminsi mirongo inne,n'igihe kizakoreshwa mw'iyubuka lya amacumbi y'abakozi kizabarirwamo.

Mu byaro Umwami azavuga, ahuje imigabo n'inama nkuru y'igihugu, abaturage bashobora gutanga amafranga yo kubacungura ku mulimo bategetswe mu kibezi cya mbere cya iyi ngingo, umubare wayo mafranga n'umutware w'intara uwushyiraho, ahuje imigabo n'inama ye: ntushobora kurenga inshuro mirongo inne igihembo cyo hagati y'igito n'ikinini cy'umukozi wo muli ako karere.

Ahuje imigabo n'inama nkuru y'igihugu, Umwami ashobora guca iteka lyo gutanga ayo mafranga acungura imilimo yavuzwe haruguru.

Ingingo ya 49.

Umuturage uzaba atarangije,cyanga wagize umwete muke mw'iyuzuza ly'iyo mirimo itegekwa n'ingingo ya 47, azahanishwa igihano kitarenga iminsi ilindwi y'igifungo n'amafranga magana abili,cyanga kimwe gusa muli ibyo bihano.

Ingingo ya 50.

Biturutse ku ngengo zabyo, ibyaro bishinzwe:

a)kurangiza imirimo yateganijwe mu mabwiriza yerekeye isuku abategetsi babigenewe bemeje ko ali ngombwa;

b)kubaka no gufata neza amazu y'abarwayi abaganga b'abantu bahuje imigabo n'abategetsi ba Leta basanga ali ngombwa, kugirango basûre abarwayi,babavure, babacumbikire,babahe akato cyanga babahe urugo ukwabo;

c)kubaka cyanga gufata neza ishuli limwe cyanga menshi;

d)kubaka no gufata neza ku nteko y'urukiko rwa abaturage no ku rurembo rw'icyaro; amazu agenewe abakora imirimo y'ubutegetsi,ubucamanza, n'abafungwa;

e) kubaka no gufata neza amacumbi agenewe abafasha ubutegetsi kavukire; akubakwa aho abategetsi ba Leta berekanye;

f) guharuza no gufata neza imihanda ifitiye akamaro muli ako karere n'ibyambu by'imigezi n'ibishanga by'aho ica.

Amafranga y'umusogongero akoresha izo nzira ashobora kwakwa abaturage baho.

Ingingo ya 51.

Mu gihe ubwishingire bwafatiriwe kubera kudakora cyanga gukora nabi imirimo itangwa ku ngingo irangiye, Rwanda-Urundi niyo itegetswe gutanga indishyi.

Rwanda-Urundi mu gihe cy'icyaha gikomeye cy'abaturage b'intara, ishobora kurihisha icyo cyaro.

Ingingo ya 52.

Mw'ikoresha ly'imirimo yateganijwe ku ngingo ya 50, icyaro gishobora gukoresha abakozi babishaka, bagahembwa bakurikije igihembo kiri hagati y'igito n'ikinini cy'umukozo wo muli ako karere.

Mu gihe abazanye gukora ali bake, umutware w'intara cyanga uw'umusozi ashobora gutegeka umugabo wese ukomeye gukora ubwe iyo mirimo. Iyo mirimo irahemberwerwa kandi ntishobora gukorwa mu minsi irenze cumi n'itanu mu mwaka, keretse iyo ubuzima bwa bose bubyigombye. Igihe gikwiye yagenze ajya gukora cyanga avayo kibarirwa muli icyo cy'iminsi cumi n'itanu ivuzwe haguguru. N'igihe kizakoreshwa mw'iyubaka ly'amacumbi y'abakozi kizabarirwa mo.

Ingingo ya 53.

Umuturage uzaba atarangije cyanga uzagira umwete muke wo kurangiza imilimo ategekwa bakurikije ingingo ya 52, azahanishwa igihano kitarenga iminsi ilindwi y'igifungo n'amafranga magana abili cyanga kimwe gusa muli ibyo bihano.

IGICE CYA VI.

IBYEREKEYE IMALI Y'IBIHUGU N'IY'INTARA.

Ingingo ya54.

Iyo Mbulamatare amaze kumva igitekerezo cy'inama nkuru y'igihugu ndetse bishobotse n'abategetsi kavukire bigenewe babyemeye, ashobora kwemeza yuko amafranga yateganijwe ku ngingo ya 20 azashyirwa mw'isanduku y'icyaro kuva ubwo; ikazayaha abayagenewe n'abategetsi kavukire.

Ingingo ya 55.

Imisoro n'ayandi mafranga y'umusogongero atangwa n'abaturage kw'itegeko, ashobora kuvaho andi y'inyogera agenerwa ibihugu n'intara.

Umwami ahuje imigabo n'inama nkuru ya Igihugu niwe uvuga umubare w'ayo mafranga. Uwo mubare ntushobora kurenga 40 kw'ijana (40%) k'uya umusoro cyanga ku yandi mafranga y'umusogongero yakwa.

Amafranga y'inyongera atangirwa limwe n'umusoro cyanga umusogongero bayongereyeho bigatangirwa ibarate limwe cyanga tanga-umugabo imwe.

Umwami ahuje imigabo n'inama nkuru y'igihugu avuga ishingiro likulikizwa bagabanya ibihugu n'intara amafranga y'inyongera.

Indi migirire yerekeye uburyo bwo kwaka imisoro n'imisogongero ikulikizwa non ku mafranga y'inyongera.

Ingingo ya 56.

Ku buryo butanyuranyije n'amategeko ya Leta yerekeye ubutaka bw'abaturage, Umwami ahuje imigabo n'inama nkuru y'igihugu, umutware w'intara ahuje imigabo n'inama y'intara bashobora gushyiraho ibintu byo gushaka imali y'igihugu cyanga se y'intara bafatiye ku mafranga y'ibyo biguzwe, n'ibyo batiye abandi, n'ibyo bacuruza biva mu mali y'icyaro, cyanga biva mu bintu bimwe by'ibyaro bikoreshejwe.

Aliko kandi amasezerano yerekeye gukoresha ibintu bitava aho bili, babanza kuyohereza Rezida kugirango ayemere.

Umwami n'umutware w'intara bashobora umwe kubimuherereyeho gutegeka imisongongero baruzi ko ifitiye igihugu cyanga intara akamaro, bahuje imigabo n'inama nkuru y'igihugu cyanga y'intara.

Ibyo umutware w'intara yemeje akulikiza ibivugwa mu bibezi bitatu byo haruguru bigomba kwemezwa n'Umwami nawe ahuje imigabo n'inama nkuru y'igihugu.

Ingingo ya 57.

Ahandi imali y'ibyaro by'abaturage ituruka:

Iy'igihugu:

1º/ amafranga aboneka mu Rukiko rw'Umwami no mu nkiko za Territoire;
2º/ imfashanyo itangwa iturutse mu ngengo ya Rwanda-Urundi;
3º/ inzungu z'abaturage bapfuye bukike batazi intara baturutsemo;
4º/ ibitangiwe ubuntu;

Iy'intara:

1º/ amafranga aboneka mu nkiko z'intara n'iz'imisozi;
2º/ imfashanyo itangwa iturutse mu ngengo ya Rwanda-Urundi;
3º/ inkungu z'abaturage bapfuye bucike;
4º/ ibitangiwe ubuntu
5º/ amafranga yagabanijwe ku bihembo byateganijwe ku ngingo ya 20.

Ingingo ya 58.

Umwami, ahuje imigabo n'inama nkuru y'igihugu ashobora kwemerera igihugu n'intara gutira no gutiza amafranga kandi no kuguliza abaturage b'aho batwara cyanga ibyaro by'abaturage ba Rwanda-Urundi.

Aho bagarukiriza n'uburyo bagomba kubigira bitegekwa na Mbulamatare.

Ingingo ya 59.

Amafranga yakirwa n'ibyaro by'abaturage - ibihugu cyanga intara - ateranirizwa mw'isanduku y'icyaro cyose.-

Ingingo ya 60.

Imali y'ibihugu n'iy'intara ikoreshwa kubyerekeye akamaro kabyo byonyine.

## IGICE CYA VII.

## AMAFRANGA AKORESHWA N'IBIHUGU N'INTARA.

Ingingo ya 61.

Mbulamatare asobanura ibintu bizakoreshwa amafranga y'isanduku y'igihugu n'ibizakoreshwa amafranga y'isanduku y'intara.

Ingingo ya 62.

Inkora yose iva ku gihugu yemerwa n'Umwami ahuje imigabo n'inama nkuru y'igihugu.

Iyo Rezida abonye ko kudateganya inkora bigusha hasi ibifitiye igihugu akamaro gakomeye, ategeka igikwiye, akulikije umubare w'amafranga ali mw'isanduku y'igihugu.

Ingingo ya 63.

Inkora yose iva ku ntara igomba kwemerwa n'umutware w'intara, ahuje imigabo n'inama y'intara.

Iyo Administrateur abonye ko kudateganya inkora bigusha hasi ibifitiye intara akamaro gakomeye,ategeka igikwiye,akulikije umubare w'amafranga ali mw'isanduku ya intare.

Ingingo ya 64.

Inkora yose itateganijwe mu ngengo zemewe ntitangwa Uwami cyanga umutware w'intara batabanje kubyemera, kandi bahuje imigabo n'inama nkuru y'igihugu cyanga inama y'intara.

Igomba kwemerwa na Rezida.

## IGICE CYA VIII.

## IMIZIRIKIRE Y'AMASANDUKU.

### Ingingo ya 65.

Isanduku y'igihugu izirikwa n'Umwami akabilebwaho na Rezida cyanga intumwa ye.

Isanduku y'intara izirikwa n'Umutware w'intara akabilebwaho na Administrateur wa Territoire cyanga intumwa ye.

### Ingingo ya 66.

Inama nkuru y'igihugu imeyeshwa uko ibya isanduku y'igihugu bimeze.

Inama y'intara imenyeshwa uko ibya isanduku y'intara bimeze.

### Ingingo ya 67.

Mbulamatare ashyiraho amategeko y'ububazi kandi agatunganya imirebere y'izirika ly'amasanduku.

### Ingingo ya 68.

Umwami abilebwaho na Rezida cyanga intumwa ye, umutware w'intara, abilebwaho n'Administrateur wa Territoire cyanga intumwa ye, bandika mu mwaka urupapuro bateganirijeho impunikwa n'inkora by'umwaka utashye.

### Ingingo ya 69.

Imiteganirize y'ingengo yakozwe n'Umwami yerekwa inama nkuru y'igihugu ngo ibanze ibyemere.

Iy'ingengo yakozwe n'umutware w'intara yerekwa inama y'intara ngw'ibanze ibyemere.

Ingengo zikoreshwa byemewe na Rezida.

### Ingingo ya 70.

Umwami alebewe na Rezida cyanga intumwa ye, umutware w'intara alebewe na Administrateur wa Territoire cyanga intumwa ye, bandika buli mwaka impunika n'inkora byakoreshejwe umwaka ushize.

Iyo mibalire igomba kwemerwa n'inama nkuru y'igihugu ku byerekeye isanduku y'igihugu, cyanga iy'intara kubyerekeye isanduku y'intara, kandi Rezida akandikaho ko abyemeye.

## IGICE CYA IX.

## AMATEGEKO ATEYE UKWAYO.

### Ingingo ya 71.

Amategeko yo mu bice bya VI, VII, n'icya VIII yerekeye ibihugu n'intara ashobora gutangwa ku misozi yahawe kamere yo kwitungira ibintu bwite, aliko bahinduyemo ibikwiye guhinduka.

## IGICE CYA X.

## UBUBASHA INKIKO Z'ABATURAGE ZIHAWE.

### Ingingo ya 72.

Ibyaha byavuzwe mbere muli ili tegeko byaburanishwa n'inkiko z'abaturage.

## IGICE CYA XI.

### Ingingo ya 73.

Itegeko Nº347/A.I.M.O. lyo kw'itarki ya 4 nzeri 1943 lya Mbulamatare wa bose, lizakurwa n'ili ku munsi Mbulamatare wa Rwanda-Urundi azemeza ko litangiye gukulikizwa.

Lyatangiwe i Bruxelles, kw'itariki ya 14 nyakanga 1952.

(sé)BAUDOUIN.

Kubw'Umwami:

Intebe y'Umwami mu buganzi bwa za Koloni.

(sé)DEQUAE.

Traduction de certains termes.

Agglomération: umudugudu - urugari
Alinéa : ikibezi - bituruka ku mbaliro z'inkike zegerana ali nka enye, hagati yazo na izindi enye zikulikiyeho abubaka bakahasiga umwanya ugereranyije.
Arrêté motivé: iteka - ilyo teka kenshi bongeraho izina lya uwaliciye, nko kuvuga iteka ly'Umwami - iteka ly'intebe y'Umwami etc...
Autorité indigène: abategetsi kavukire
Avis conforme: guhuza imigabo.
Base (de répartition): iremezo.
Biens immobiliers:ibintu bitava aho bili.
Blâme : umugayo
Budget : ingengo - biva ku kugenga alibyo gutegeka ibintu ubitunganya.
Bulletin spécial: igazeti ya amateka
Calendrier: kalendari - dore uko twahuje amezi ya kalendari ya kizungu ndaya kinyarwanda:

| | | |
|---|---|---|
| Janvier | - | ukuboza |
| février | - | mutarama |
| mars | - | gashyantare |
| avril | - | werurwe |
| mai | - | gicurasi |
| juin | - | kamena |
| juillet | - | Nyakanga |
| août | - | tumba nyakime |
| septembre | - | tumba kanama |
| octobre | - | nzeri |
| novembre | - | ukwakira |
| décembre | - | ugushyingo |

Chef : Umutware w'intara
Chefferie: Intara
chef-lieu: ururembo
Centre extra-coutumier: iberejė - s'ikinyarwanda ubundi aliko n'ijambo lyamenyekanye hose.
Circonscription: icyaro-bituruka mu runyarwanda rwa kera ku ngoma ya Mibambwe Mutabazi no Nyuli Mazimpaka,Mibambwe yitwaga Muheka byaro mu gisigo cya kera: Muhekabyaro yahetse abanyagihugu cye...
Comptabilité : ububazi
Conseil de régence: inama ya abasigire - abasigiwe gutegekera Umwami ukili umwana.
Contrôle : kureberwa, biruta kugenzurwa, kuko kugenzura biba mo akantu gasa n'urubwa.
Copie: urwandukuro - bituruka ku kwandukura ibyari byanditswe.
Cordon sanitaire: inkoto - gushinga inkoto.
Croquis: igishushanyo
Coutumes: imigenzo y'igihugu
Décisions: ibyemejwe
Dépenses : inkora - bituruka ku gukoresha amafranga yose aturuka ku ngengo akoreshwa ikintu.
Députation permanente: ubuganzi buhoraho - bituruka kw'ijambo lyo mu runyankore livuga abatorewe kugira inama umutegetsi - umwe muli bo yitwa inganzi.
Drainage: kugazura - ushaka kuvana amazi mu bishanga.
Droit de véto: ububasha bwo guhakana.
Engagé par contrat: gutera contara,ili jambo lyabaye urunyarwanda niyo mpamvu twarihamdishijeho.
Etre indigène: kuba ikigoryi (guhinyuka byerekeye ku Mwami)
Etre représenté: kubonerwa.
Gestion des caisses: kuzirika amasanduku.
Gouverneur Général: Mburamatari wa bose.
Impôt: umusoro
Indigène: umuturage
Intérêt supérieur: akamaro gakomeye
Infraction: icyaha
Insigne: ikimenyetso
Irrigation: kuyobora amazi

Isolement: (des malades): akato
Libéralité: ubuntu
Littéra: igika
Maladies: contagieuses: zikongera
épidémiques: z'icyorezo
épiphtiques: z'icyorezo cyo mu myaka
épizootiques:z'icyorezo cyo mu matungo
Ministre: intebe y'Umwami, mu butegetsi,nk'uko twavuga intebe y'Umwami mu butegetsi bwa za Koloni.
Mutation: kwimuka
Ordre public: imigenzerez itunganya igihugu
Pays: Igihugu, nk'Urwanda, nk'Uburundi, aliko iyo bavuga nka Territoire ya Rwanda-Urundi nabwo tuvuga igihugu cya Rwanda-Urundi.
Personnalité civile: kamere yo kwitungira ibintu bwite
Peines disciplinaires: igihano cyo kumvisha
Policiers: abapolisi
Porteur de communications: intumwa
Président: (du Conseil) umuyobozi (w'inama)
Prévenir une famine: gutamba inzara
Prévision des recettes et dépenses: impunika n'inkora
Quotités additionnelles: amafranga y'inyongera
Recensement: ibara ly'abantu
Règlement de police: amateka yo kugenzura
Représentant: umuvugizi
Réprimande: gutotwa
Réquisition: gukumba
Ressortissant: bene igihugu
Salle de police: inzu ya aho abapolisi barindirwa
Siège du tribunal: inteko y'urukiko
Sous-chef: umutware w'umusozi. Izina ly'igisonga ntirikundwa mu gihugu, kandi sicyo lisanzwe livuga mu runyarwanda,ubundi livuga utwara urugarama,niyo mpamvu twahisemo kubita abatware aliko tunasobanura icyo batwara.
Sous-chefferie: umusozi.
Sous-statut: abinjijwe, bituruka kukwinjizwa, n'umugenzo werekanaga ko shebuja w'umuntu amushyize mu bagaragu be b'imbere batagira icyo bahishwa.
Subsides: imfashanyo.
Succession en déshérance: inkungu - ibintu by'umuturage upfuye bucike(•).
Taxe: umusogongero.
Vacance de pouvoir: igihugu kiraye nze - Umwami atanze undi atarima - Umwami utarima aba ali mu rwali, abunze - ibye byerekeye ku gihugu cyonyine,ku bindi byaro bavuga ko nta mutware bifite.

---

(•) Umuntu pfuye bucike aliko adafite isambu,n'kumuntu waturutse mu kindi cyaro ibyo asize byitwa "Inzungu" - byo kuzungura.-

---